**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kicukiro, kuwa 31/03/2017**
**Réf. N° .016./07.0103/Njy/2017**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA KICUKIRO**
**INAMA NJYANAMA**

**Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**KIGALI**

**Impamvu** : Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 29/01/2017

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 29/01/2017 nk'uko yemejwe mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 25/03/2017.

Iyo nyandikomvugo murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.
Mugire amahoro.

31/03/2017

**Eng. NKUBANA A. Dismas**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
**KICUKIRO**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 29 MUTARAMA 2017**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kicukiro tariki ya 29/01/2017, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Eng. NKUBANA A. Dismas. Inama yatangiye saa tatu n'iminota makumyabiri n'itandatu (09:26) isoza imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itatu n'umwe (22:31) z'umugoroba.

**Abajyanama bose bagize Inama Njyanama y'Akarere bitabiriye inama:**

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | EMAIL ADDRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Eng. NKUBANA A. Dismas | Umuyobozi w'Inama Njyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama | twagirainn@yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | UWIZEYE Odette | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | uwizeyeode@gmail.com, uwizeyeode@yahoo.fr | 0788304391 |
| 4 | BAINGANA Emmanuel | Umujyanama | baingema@gmail.com | 0788464964 |
| 5 | BIZIMANA Dominique | Umujyanama | bizidom2002@yahoo.fr | 0788618220 |
| 6 | Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne | Umujyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788389949 |
| 7 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 8 | MAGAJU Aimable | Umujyanama | Aimag2001@yahoo.fr | 0788354720 |
| 9 | MUKARUTESI Athanasie | Umujyanama | gathanasie@yahoo.com | 0788759414 |
| 10 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788304557 |
| 11 | MULINDAHABI Diogène | Umujyanama | mulindahabi@yahoo.fr diomulindahabi78@gmail.com | 0788308675 |
| 12 | MUREKATETE Alphonsine | Umujyanama | alphafuraha12@gmail.com | 0788819547 |
| 13 | MUTAMBA Betty | Umujyanama | mutambab@yahoo.com | 0788491956 |
| 14 | MUTONI Justine | Umujyanama | mutonijustine55@gmail.com | 0786104504 |
| 15 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |
| 16 | NIYITANGA Irené | Umujyanama | ninairene22@yahoo.com | 0784298045 |
| 17 | SALAFINA Flavia | Umujyanama | fsalafina@gmail.com | 0788449500 |
| 18 | SHEMA Kenneth | Umujyanama | shemakenny@yahoo.com | 0786913473 |
| 19 | TUMUKUNDE Monica Léonard | Umujyanama | gatsleo@gmail.com | 0788875779 |
| 20 | UMUHIRE Christiane | Umujyanama | christumu@yahoo.fr | 0788843611 |
| 21 | UWAMARIYA Annet | Umujyanama | annetuwamariya@gmail.com | 0788763800 |
| 22 | UWIMANA Virginie | Umujyanama | kavivi2015@gmail.com | 0788463654 |
| 23 | UWIMBABAZI Pélagie | Umujyanama | uwimbabazi.pelagie@yahoo.com | 0788521078 |

Inama yatangiye Umuyobozi w'Inama Njyanama yifuriza ikaze umujyanama mushya, Bwana MULINDAHABI Diogène.

Inama yitabiriwe kandi n'Abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorewe mu Karere ka Kicukiro: KAYITANA Modeste na Ndayambaje V. Fiston.

Ku murongo w'ibyigwa Inama Njyanama yemeje ko ingingo ijyanye no kwemeza abakozi bo mu bigo nderabuzima yakurwa ku ngingo ziri bwigwe kubera ko itegeko rishingirwaho kugira ngo Inama Njyanama yemeze abayobozi b'ibigo nderabuzima ryatangiye gukurikizwa kuwa 18/06/2012 mu gihe n'ubundi Inama Njyanama ari yo yemezaga ishyirwa mu myanya ry'abakozi bose bakorera ku rwego rw'Akarere; ariko ubu, Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena

imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage ntaho riteganya ko Inama Njyanama yemeza Abayobozi b'ibigo nderabuzima.

Inama Njyanama yemeje ko ingingo ijyanye n'ubusabe bw'Umujyi wa Kigali bwa "Land Banking" ishyirwa ku murongo w'ibyigwa. Bityo Inama Njyanama yemeje ingingo zikurikira, icyemezo gitorwa n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/10/2016;
2. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 22/10/2016;
3. Kwakira umujyanama mushya no kumushyira muri Komisiyo;
4. Kwemeza raporo za Komisiyo na Komite Ngenzuzi z'Inama Njyanama;
5. Gusuzuma aho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo n'ibindi bikorwa by'Akarere bigeze;
6. Gusuzuma no kwemeza ibipimo by'ubukode bw'ubutaka 2017;
7. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 mu gihembwe cya kabiri;
8. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2016-2017;
9. Gusoma no kwemeza raporo y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere ka Kicukiro;
10. Ubusabe bw'Umujyi wa Kigali bwa "Land Banking"
11. Ibibazo by'Abaturage;
12. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/10/2016**

**Umwanzuro 075/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 22/10/2016 nyuma yo kuyisoma no kuyikorera ubugororangingo. Inyandikomvugo yemejwe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 2: Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 22/10/2016**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama uburyo imyanzuro yafashwe mu nama yo kuwa 22/10/2016 yashyizwe mu bikorwa.

**Umwanzuro 076/01/16-17**

Inama Njyanama yashimye uburyo imyanzuro yashyizwe mu bikorwa isaba ko itarashyirwa mu bikorwa yihutishwa. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 077/01/16-17**

Abajyanama bemeje ko amahugurwa kuri "Master Plan" yakorwa ku wa 18/02/2017 guhera saa mbiri za mugitondo.

**Umwanzuro 078/01/16-17**

Inama Njyanama yashimye inemeza gahunda y' "Icyumweru cy'Abajyanama" (Council week) yatekerejwe na Komisiyo z'Imiyoborere Myiza" z'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'Uturere tugize Umujyi wa Kigali. Inama Njyanama yemeje ko "Council week" mu karere ka Kicukiro izatangirira mu murenge wa Masaka ku itariki ya 06 Gashyantare ikazarangira ku itariki ya 10/02/2017. Abajyanama basabwe kuzatanga inkunga yateganyijwe ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi makumyabiri (Rwf 20 000) kuri buri mujyanama kugira ngo ibikorwa biteganyijwe bigende neza.

**Umwanzuro 079/01/16-17**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kugenzura niba abaturage bari baratomboye ibibanza muri site Kagarama – Rukatsa ntaho bazabangamira igikorwa cy'inyungu rusange kigiye kuhakorerwa (ni ukuvuga ahari harahawe Mega Holdings, Central Africa School of Excellence, n'abandi).

**Umwanzuro 080/01/16-17**

Ku mwanzuro 024/08/15-16 aho Inama Njyanama yemeje ko Rwanda Development Board (RDB) igurishwa ikibanza n° 3034 kiri mu kagari ka Nyarurama mu Murenge wa Gatenga kugira ngo ikomeze umushinga wayo, Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ubusabe bushya bwa RDB, aho isaba guhabwa ubutaka bungana na hegitari umunani n'ibice bitatu (HA 8.3) ariko uburi kuri hegitari ebyiri (Ha 2) bukagenerwa agaciro RDB ikabwishyura Akarere, naho ubusigaye bungana na hegitari esheshatu n'ibice bitatu (Ha 6.3) Akarere kakabutangira ubuntu kubera igikorwa cy'ingirakamaro kigiye kuhakorerwa.

Nyuma yo kumva ubusabe bushya bwa RDB aho isaba Akarere ka Kicukiro kongera kubaha hegitari umunani n'ibice bitatu (HA 8.3) aho igiye kubaka "Kigali cultural village" ariko hegitari esheshatu n'ibice bitatu (Ha 6.3) ikaziherwa ubuntu naho izindi ebyiri (Ha 2) ikazigura n'Akarere kugira ngo nako gashobore gukomeza umushinga kari karahateganyirije;

Inama Njyanama yemeje ko RDB ihabwa hegitari umunani n'ibice bitatu (Ha 8.3), muri zo hegitari 6.3 ikaziherwa ubuntu naho hegitari 2 ikazigura n'Akarere. Komite Nyobozi yasabwe kwihutisha gushaka umugenagaciro w'umwuga kugira ngo ahe agaciro izo hegitari ebyiri zizishyurwa na RDB. Icyemezo cyatorewe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 081/01/16-17**

Mu rwego rwo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'umuhigo wo kubaka umuhanda Rubilzi - Busanza – Camp Kanombe, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko ishyira imbaraga ku mikoranire na Rwiyemezamirimo watsindiye kubaka uyu muhanda kugira ngo yihutishe akazi gasigaye ko kuwurangiza kuko hamaze gusinywa imirimo y'inyongera (addendum) ku mpande zombi kugira ngo imirimo ikomeze. Icyemezo cyatorewe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 3: Kwakira umujyanama mushya no kumushyira muri Komisiyo

**Umwanzuro 082/01/16-17**
Inama Njyanama yakiriye umujyanama mushya MULINDAHABI Diogène, kandi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 46 igika cya 2 y'itegeko n° 87/213 ryo kuwa 11/09/2013 ivuga ko buri mujyanama agira Komisiyo akoreramo, Umujyanama MULINDAHABI Diogène yahisemo gukorera muri komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu. Icyemezo cyatorewe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 4: Kwemeza Raporo za Komisiyo na Komite Ngenguzi z'Inama Njyanama

### A. RAPORO YA KOMISIYO Y'IMARI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Umuyobozi wa komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'inama za komisiyo aho abajyanama bagize iyo komisiyo bize ingingo zikurikira:

1) **Amabwiriza azagenga imikoreshereze y'Amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro**

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama amabwiriza komisiyo yifuza ko azagenga imicungire y'amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro mu rwego rwo kunoza imicungire y'amasoko yaba ay'Akarere cyangwa ay'abikorera. Umuyobozi wa Komisiyo yasabye Inama Njyanama kwemeza ayo mabwiriza kugira ngo azafashe Akarere mu kunoza imicungire y'amasoko gafite yubatse ndetse n'andi azubakwa mu minsi iri mbere.

2) **Imihigo 2016/2017 yasuwe ijyanye n'ubukungu**

Umuyobozi wa komisiyo yakomeje amenyesha Inama Njyanama ko iyo Komisiyo yasuye imihigo ijyanye n'ubukungu ikurikira: "Site" ya Nunga na Gahanga zatunganyijwe zo mu Murenge wa Gahanga, amazu 64 ya KISIMA yo guturamo yubakwa mu Murenge wa Kagarama, isoko rya kijyambere rya Kicukiro Centre, amazu 16 yubakwa na "Gahakwa Estate" mu Murenge wa Gatenga mu kagari ka Karembure, umuhanda wa KM 5.832 Rublizi- Busanza - Camp Kanombe, amaterasi yatunganyijwe mu murenge wa Gahanga ahinzemo ibigori, igishanga cya Nyandungu ku Mushumba Mwiza cyatunganyijwe, n'ibiro by'umurenge wa Niboye. Komisiyo yagaragaje ko yasanze imihigo igeze ahashimishije uretse umuhigo wa KISIMA na "Gahakwa Estate". Umuyobozi wa Komisiyo yasabye Inama Njyanama ibi bikurikira:

Ko Ubuyobozi bw'Akarere bukurikirana ikibazo cy'abaturage bubatse badafite ibyangombwa mu bibanza byakaswe muri "Site" ya Nunga na Gahanga kugirango batazasatira imihanda yateganyijwe kuko byazateza akajagari mu myubakire kandi aricyo kibazo ubuyobozi bugamije gucyemura.

- Ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakwegera abafite umushinga wa KISIMA kugira ngo harebwe icyakorwa kugira ngo imirimo yongere gutangira kuko basanze barahagaritse imirimo yari ku rwego rwa "finishing".

- Ko Ubuyobozi bw'Akarere buganiriza ba nyirumushinga "Gahakwa Estate" kugira ngo basubukure imirimo y'ubwubatsi kuko isa n'iyahagaze.

**Umwanzuro 083/01/16-17**

- Inama Njyanama yakiriye kandi ishima raporo za komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu.
- Inama Njyanama yasabye komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu gukora ubugororangingo ku mabwiriza ajyanye n'imicungire y'amasoko acururizwamo mu karere ka Kicukiro ku ngingo ijyanye n'igisobanuro cy'isoko, umutekano mu masoko, igihe cyo gutanga amande, n'igihe ayo mabwiriza yatangirira gukurikizwa ushingiye ku masoko asanzwe akorera mu karere. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

- Inama Njyanama yemeje amabwiriza № 082/01/17[1] yo kuwa 29/01/2017 agena imicungire y'amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro akazakurikizwa buhoro buhoro ku masoko acungwa n'Akarere bitewe n'igihe Akarere kazabonera ibikoresho byo gushyira muri ayo masoko. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 084/01/16-17**
Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ishyiraho itsinda ry'ubugenzuzi "inspection team" rizagenzura imyubakire ya "site" ya Nunga mu murenge wa Gahanga kugira ngo barebe uburyo amakosa yakozwe yakosorwa, kuko inzu zose zagombaga kuba zisa, ariko ubu akaba atari ko bimeze.

**B. KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA**

Umuyobozi wa komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje ku Nama Njyanama raporo z'inama za komisiyo aho abajyanama bagize iyo komisiyo bize ku ngingo zinyuranye harimo no gushyira abajyanama mu matsinda azifashishwa mu gusura imirenge.

**Umwanzuro 085/01/16-17**

a) Inama Njyanama yakiriye kandi ishima raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.
b) Inama Njyanama yemeje ko gukemura ibibazo by'abaturage byihutishwa kandi hagatangwa raporo y'uburyo byakemuwe mu nzego zibisaba. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 086/01/16-17**

a) Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko ikurikirana gahunda y'icyumweru cy'Abajyanama (Council week) kugira ngo ari abajyanama ari n'abaturage bo mu murenge

[1] Umujyi wa Kigali wagiye inama y'uburyo aya mabwiriza yanozwa kugirango abone kubahirizwa.

wa Masaka aho icyo cyumweru kizatangirizwa bamenyeshwe gahunda hakiri kare kugira ngo bitegure kandi bazanitabire.

b) Inama Njyanama yemeje Abajyanama mu matsinda azifashishwa mu gusura imirenge mu buryo bukurikira:

| GROUP A | GROUP B | GROUP C |
|---|---|---|
| 1. Umujyanama Eng. Dismas NKUBANA (umuyobozi)<br>2. Umujyanama Christiane UMUHIRE (umwanditsi)<br>3. Umujyanama Justine UMUTONI<br>4. Umujyanama Alphonsine MUREKATETE | 1. Umujyanama Innocent TWAGIRAYEZU (umuyobozi)<br>2. Umujyanama Flavia SALAFINA (umwanditsi)<br>3. Umujyanama Annet UWAMARIYA<br>4. Umujyanama Monica Leonard TUMUKUNDE | 1. Umujyanama Dr. Jeanne NYIRAHABIMANA (umuyobozi)<br>2. Umujyanama Odette UWIZEYE (umwanditsi)<br>3. Umujyanama Cassien KARANGWA<br>4. Umujyanama Betty MUTAMBA<br>5. Umujyanama Irené NIYITANGA |
| GROUP D | GROUP D | |
| 1. Umujyanama Angélique MUKUNDE (umuyobozi)<br>2. Umujyanama Kenneth SHEMA (umwanditsi)<br>3. Umujyanama Dominique BIZIMANA<br>4. Umujyanama Virginie UWIMANA<br>5. Umujyanama Pélagie UWIMBABAZI | 1. Umujyanama Emmanuel BAINGANA (umuyobozi)<br>2. Umujyanama Athanasie MUKARUTESI (umwanditsi)<br>3. Umujyanama Aimable MAGAJU<br>4. Umujyanama Valens NDONKEYE | |

## C. KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Umuyobozi wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'inama za komisiyo aho abajyanama bagize iyo komisiyo bize ingingo zikurikira bajya no gusura ibikorwa bimwe na bimwe: isuku n'isukura (mu bigo by'amashuri, ibigo nderabuzima bya Gikondo na Kairos (Kanombe) no mu mihanda yo mu ma karitsiye,....) , ubwisungane mu kwivuza.

Iyo komisiyo kandi yaganiriye ku mihigo ijyanye n'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, yemeza ko abakozi bakurikirana iyo mihigo umunsi ku wundi bajya bitabira inama za komisiyo kugira ngo bagaragaze aho ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mihigo rigeze.

Hemejwe ko:- hakorwa ubukangurambaga bushishikariza abaturage n'ibigo by'amashuri kugira isuku, - hakomeza gukorwa ubukangurambaga ku bwisungane mu kwivuza kugira ngo mu karere ka Kicukiro abaturage bose 100% bagire ubwisungane mu kwivuza.

**Umwanzuro 087/01/16-17**
Inama Njyanama yakiriye raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'abaturage. Icyemezo gitorwa n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

a) Inama Njyanama yemeje ko hakomeza gukorwa ubuvugizi ku kibazo cy'abakozi bake bagaragara mu kigo nderabuzima cya Kairos / Kanombe.

b) Inama Njyanama yemeje ko amafaranga aturuka muri NCPD akoreshwa mu rwego rwo gushakira ikipe y'abafite ubumuga mu karere ka Kicukiro kubona ibikoresho (imyenda yo gukinana n'ibindi bikenewe) yakurikiranwa kugira ngo bashobore kwitabira amarushanwa akorwa.

c) Ku kibazo cy'umuturage ufite ubumuga basaba ko yafashwa yubakirwa inzu mu kibanza cye ariko akaba atabona icyemezo cyo kubaka kubera ko abashaka kumwubakira bashaka kubaka inyubako itajyanye n'icyo Igishushanyo Mbonera cy'Umujyi wa Kigali giteganya kuri ubwo butaka, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana icyo kibazo kugira ngo hatazabaho kwica amategeko ariko na none uwo muturage utishoboye azahabwe uburenganzira bw'ibanze bwo kugira aho aba.

d) Nyuma yo kumenyeshwa na Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage ko mu tugari twose hari ibyumba by'irerero (ECD) ariko hakaba nta bikoresho birimo, icyo kikaba ari imbogamizi ku mikoreshereze yayo kuko imirenge 3 yonyine ari yo ifite abaterankunga, Inama Njyanama yemeje ko hakomeza gukorwa ubuvugizi mu baterankunga n'abafatanyabikorwa kugira ngo ayo marerero akoreshwe.

## D. RAPORO YA KOMITE NGENZUZI

Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi yagaragarije Inama Njyanama raporo ya Komite Ngenzuzi kuri raporo y'umugenzuzi w'imbere mu karere y'igihembwe cya kane 2015/2016. Iryo genzura ryakorewe ibigo by'amashuri ya Karugira mu Murenge wa Kigarama na Kamashashi mu Murenge wa Nyarugunga. Muri raporo yagaragaje ko Komite Ngenzuzi yasuzumye n'izindi ngingo zirimo: kwemeza iteganyabikorwa ry'umugenzuzi bwite w'Akarere no gusuzuma ibijyanye n'ubusabe bw'amafaranga y'ifunguro n'ingendo ahabwa abagenzuzi iyo bagiye mu kazi mu Mirenge inyuranye y'Akarere ka Kicukiro.

- Komite Ngenzuzi yasabye Inama Nyanama y'Akarere ka Kicukiro kwakira no kwemeza isesengura rya raporo y'ubugenzuzi bw'imbere bwakorewe Akarere ka Kicukiro igihembwe cya kane 2015- 2016 ndetse ikanasaba ko inama zirimo zakwitabwaho ariko zikamenyeshwa abakozi bireba kugira ngo bagire uruhare mu gutanga ibisobanuro ku makosa aba yagaragajwe.

- Komite Ngenzuzi yasabye Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro kwemeza ko Abayobozi b'amashami bazajya bitabira Inama Njyanama kugira ngo basobanukirwe birushijeho uburyo imyanzuro imwe n'imwe y'Inama Njyanama iba yafashwe, ibyo bikazabafasha igihe cyo kuyishyira mu bikorwa.

- Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi yasabye ko hafatwa umwanzuro ku kibazo bagejejweho kijyanye na n'amafaranga y'ifunguro n'ingendo y'abagenzuzi bwite b'Akarere kugira ngo boroherezwe kuzuza inshingano zabo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komite Ngenzuzi, Inama Njyanama yemeje ibi bikurikira:

**Umwanzuro 088/01/16-17**

a) Inama Njyanama yakiriye inashima raporo ya Komite Ngenzuzi, isaba Komite Nyobozi ko ikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri raporo ya Komite Ngenzuzi ku makosa yagaragajwe n'Umugenzuzi w'imbere mu gihembwe cya kane 2015/2016 ku mashyuri ya Karugira mu Murenge wa Kigarama na Kamashashi mu Murenge wa Nyarugunga.

b) Inama Njyanama yemeje ko ubusabe by'ifunguro n'ingendo byakwigwa ku buryo bunonosoye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere afatanyije na Komite Ngenzuzi kugira ngo hatagira igihungabanya amategeko n'amabwiriza ku micungire myiza y'umutungo wa Leta, Inama Njyanama yasabye kandi ko umwanzuro uzafatirwa muri rusange hitawe no ku bandi bakozi barebwa n'iki kibazo.

c) Ku bijyanye n'uko Abayobozi b'Amashami bajya bitabira Inama Njyanama, Inama Njyanama yasanze itagifataho umwanzuro kuko ibyo biri mu mategeko ngengamikorere y'Akarere (internal rules), ikaba yabishinze Komite Nyobozi.

Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 5: Gusuzuma aho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo n'ibindi bikorwa by'Akarere bigeze**

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama aho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo 2016/2017 rigeze. Hagendewe ku kigereranyo cy'aho buri muhigo ukwiye kuba ugeze ushyirwa mu bikorwa mu ntangiriro z'igihembwe cya gatatu cy'umwaka 2016/2017, Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama umuhigo ku wundi, bigaragara ko ku mihigo 57, imihigo 51 igeze ku kigero cyiza (icyatsi), umuhigo umwe (1) uri mu muhondo, imihigo itatu (3) iri mu mutuku naho indi ibiri (2) ikaba itaragera igihe cyo gushyirwa mu bikorwa.

**Umwanzuro 089/01/16-17**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo, Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira:

1) Inama Njyanama yemeje ko buri Komisiyo ifata imihigo iri mu nshingano zayo, ikayigira iyayo, ikayiganiraho, ikayikurikirana umunsi ku wundi ifatanyije na buri wese bireba muri Komite Nyobozi; kandi bakareba ko inzandiko zose zisobanura ishyirwa mu bikorwa ry'umuhigo zihari kandi zuzuye.

2) Inama Njyanama yemeje ko imihigo ijyanye n'imyinjirize y'imari, umushinga ya KISIMA, umuhanda wa Camp Kanombe – Busanza – Rubirizi, IDP Model Village yakurikiranwa by'umwihariko kuko ari imwe mu mihigo minini kandi ikiri inyuma.
3) Inama Njyanama yasabye ko imihigo idasaba amafaranga ishyirwamo ingufu kugira ngo yeswe 100% kandi vuba.

## Ingingo ya 6: Gusuzuma no kwemeza ibipimo by'ubukode bw'ubutaka 2017

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragarije Inama Njyanama ibipimo bishya by'ubukode bw'ubutaka bizakoreshwa mu mwaka wa 2017 nk'uko byasesenguwe hashingiye :

- Ku miterere y'ibipimo byari bisanzwe bikoreshwa mu mwaka wa 2016;
- Kuba hari ibikorwa remezo bihongerera agaciro;
- Kuba hari imiturire ijyanye n'imyubakire y'Umujyi wa Kigali;
- Kuba ari mu gice cyatoranijwe nk'umujyi cyangwa inkengero;
- Kuba hari muri "site" nshyashya zagenewe gutura kandi harakorewe "physical plan" kandi hemerewe kubakwa.

**Umwanzuro 090/01/16-17**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ibipimo by'ubukode bw'ubutaka mu mwaka wa 2017 mu buryo bukurikira:

1. Amahoro ku bukode bw'ubutaka atangwa hashingiwe ku cyo ubutaka bwateganirijwe gukorerwaho biri ku cyangombwa cy'ubutaka nyiri ubutaka afite. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

2. Icyegeranyo ku mpinduka z'ibipimo by'ubukode bw'ubutaka umwaka wa 2016 gihinduwe mu midugudu ikurikirira muri ubu buryo kugira ngo gitangire gukurikizwa mu mwaka wa 2017:

| N° | Umurenge | Akagari | Ibyahindutse | Ibiciro | |
|---|---|---|---|---|---|
| **Impinduka zabaye mu kugena ibipimo by'ubukode bw'ubutaka ahagenewe gutura «umwaka wa 2017»** | | | | | |
| **1** | **Gahanga** | **Gahanga** | **Imidugudu** | **Kuva 30 rwf - 70 rwf no kuva 10rwf - 30 rwf (aho gutura)** | **Impamvu y'impinduka** |
| | | | Ubumwe | 30 rwf – 70 rwf | Ni umudugudu usanzwe ubarirwa mu gice cy'umujyi |
| | | | Gahanga | 30f rwf – 70 rwf | Ni umudugudu usanzwe ubarirwa mu gice cy'umujyi |
| | | | Gatare | 10 rwf –30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Rwinanka | 30 rwf – 70 rwf | Ni umudugudu wakaswemo site yo guturamo ubu ukaba wubakwamo, bityo hazajya hishyura 70 rwf / m². |
| | | | Rinini | 10 rwf –30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | **Karembure** | Kamuyinga | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Amahoro | 30 rwf – 30 f rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | Bigo | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Kabeza | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | **Mulinja** | Kigasa | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | **Nunga** | Nunga I | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Nunga II | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Kigarama | 30 rwf – 70 rwf | Ni umudugudu umaze kugira ibikorwa by'iterambere. (imihanda n'inganda) , bazajya bishyura 70 rwf /m². |
| | | | Kinyana | 30 rwf – 70 rwf | Ni umudugudu wakaswemo ibibanza byo guturamo , hazajya hishyura 70 rwf / m². |
| | | **Kagasa** | Nyakuguma | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Kiyanja | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Nyacyonga | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| 2 | **Masaka** | **Gitaraga** | Nyange | 70 rwf / m² | Iyi midugudu yo mu murenge wa Masaka ,akagari ka Gitaraga yose bigaragara ko iri mu gice cy'imiturire myiza ndetse hakaba hatuwe mu buryo bwa kijyambere hafi yaho hari umudugudu wa DN international |
| | | | Kabeza | 70 rwf / m² | |
| | | | Gitaraga | 70 rwf / m² | |
| | | | Rwintare | 70 rwf / m² | |
| | | | Ruhanga | 70 rwf / m² | |
| | | | Kajevuba | 70 rwf / m² | |
| | | | Nyakarambi | 70 rwf / m² | |
| | | **Rusheshe** | Mubano | 10 rwf/m² – 30 rwf/ m² | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| | | | Kanyetabi | 10 rwf – 30 rwf | Ni umudugudu umaze guturwa cyane, ahafite icyangombwa cyo gutura hazajya hishyura 30 rwf / m². |
| 3 | **Gikondo** | **Kagunga** | Kabuye II | 30 rwf – 70 rwf | Uyu mudugudu ubu umaze guturwa ku buryo bwiza, uzajya wishyura 70 rwf /m² |
| **4.** Ahagenewe inganda n'ubucuruzi | | | | | Ufite icyangombwa cyanditseho inganda cyangwa ubucuruzi azajya yishyura 80 rwf /m² |
| **5.** Ahagenewe imibereho myiza y'abaturage ( usage social) | | | | | Ufite icyangombwa cyanditseho ibikorwa by'imibereho myiza y'abaturage azajya yishyura 2 rwf /m² |

Ibipimo by'ubukode bw'ubutaka umwaka wa 2017 byemejwe n'Inama Njyanama mu cyemezo n° 090/2017 cyo kuwa 29/01/2017 cyometswe ku mugereka w'iyi myanzuro.

Ibipimo byamaze kwemezwa n'Inama Njyanama bizashyikirizwa Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) kugira ngo gihuze ibyo bipimo n'ibiciro byagenwe ku rwego rwa buri mudugudu, hamwe n'amakuru aturuka mu kigo cy'Igihugu cy'Umutungo Kamere. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 7: Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Umugenga w'ingengo y'imari y'Akarere) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 mu gihembwe cya kabiri**

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 135 y'itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage ivuga ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere asobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama ;

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 yo guhera tariki ya mbere Nyakanga 2016 kugeza kuwa 31 Ukuboza 2016, agaragaza by'umwihariko imikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 guhera tariki ya mbere Ukwakira 2016 kugeza kuwa 31 Ukuboza 2016 (igihembwe cya kabiri 2016/2017).

Yagaragaje ko mu ngengo y'imari amafaranga yinjira yabonetse ku kigero cya 43% ku mwaka na 91% mu gihembwe cya kabiri; naho ku mikoreshereze yayo ikoreshwa ku kigero cya 29% ku kigero cy'umwaka na 78% ku kigero cy'igihembwe cya kabiri.

Ibibazo byagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, bimwe byavuye ku ngengo y'imari y'abaterankunga itarabonekeye igihe, ibindi biva ku misoro Akarere kinjiza iba ikiri hasi mu mezi ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari.

**Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo amafaranga yinjiye n'uburyo yakoreshejwe kuva 01 Nyakanga kugeza 31 Ukuboza 2016:**

| AHO AMAFARANGA AZATURUKA | INGENGO Y'IMARI YEMEJWE N'INAMA NJYANAMA | AYINJIYE KUVA 01 NYAKANGA KUGEZA 31 UKUBOZA 2016 | IJANISHA KU KU MWAKA | INGENGO Y'IMARI YARI ITEGANYIJWE MU GIHEMBWE CYA KABIRI | AYINJIYE KUVA 01 UKWAKIRA KUGEZA 31 UKUBOZA 2016 | IJANISHA KU GIHEMBWE CYA 2 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Earmarked Transfers | 5,556,635,706 | 2,798,548,921 | 50% | 1,465,976,553 | 1,465,976, 553 | 100% |
| Own Revenues | 5,597,654,328 | 1,935,374,552 | 35% | 1,594,397,630 | 1,473,374,911 | 92% |
| Transfers From Other GoV | 10,115,830 | 0 | 0% | 10,115,830 | 0 | 0% |
| External Grants | 481,401,199 | 295,886,808 | 61% | 481,401,199 | 295,886,808 | 61% |
| **Total Revenues** | **11,645,807,063** | **5,029,810,281** | **43%** | **3,551,891,212** | **3,235,238,272** | **91%** |

| UKO AMAFARANGA YAKORESHEJWE | INGENGO Y'IMARI YEMEJWE | AYAKORESHEJWE KUVA 01 NYAKANGA KUGEZA 31 UKUBOZA 2016 | IJANISHA KU MWAKA | AYAKORESHEJWE KU GIHEMBWE KUVA KU WA 01 UKWAKIRA KUGEZA 31/12/2016 | IJANISHA KU YAKORESHEJWE 01/10/2016 – 31/12/206 |
|---|---|---|---|---|---|
| **Recurrent costs** | **9,042,871,433** | **2,783,434,232** | **31%** | **1,404,893,753** | **77%** |
| District Salaries | 1,471,809,946 | 777,989,023 | 53% | 371,391,367 | 100% |
| Health workers salaries | 1,215,073,928 | 543,371,153 | 45% | 259,475,375 | 100% |
| Teachers' salaries | 1,803,805,272 | 888,428,622 | 49% | 442,286,465 | 97% |
| Others recurrent costs | 4,552,182,287 | 573,645,434 | 13% | 331,740,546 | 45% |
| **Development Costs** | **2,602,935,630** | **537,910,821** | **21%** | **266,518,781** | **85%** |
| Development project's expenditures | 2,602,935,630 | 537,910,821 | 21% | 266,518,781 | 85% |
| **Total expenditures** | **11,645,807,063** | **35,029,810,281** | **29%** | **1,671,412,534** | **78%** |

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri raporo y'umugenga w'ingengo y'imari ku myinjirize n'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro 091/01/16-17**
Inama Njyanama yakiriye raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa akaba n'Umugenga w'ingengo y'imari y'Akarere, ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 igihembwe cya kabiri. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 8: Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2016/2017**

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama ingengo y'imari ivuguruye ya 2016/2017 ku buryo bukurikira:

Amafaranga ateganijwe kwinjira mu Ngengo y'Imari y'Akarere ka Kicukiro mu gihe cy'umwaka wa 2016/2017 yavuye kuri Miliyari cumi n'imwe na miliyoni magana atandatu mirongo ine n'eshanu n'ibihumbi magana inani na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'atatu y'u Rwanda (11 645 807 063 Frw) agera kuri na Miliyari cumi n'ebyiri na miliyoni magana atanu na mirongo irindwi n'enye n'ibihumbi magana atanu na mirongo irindwi na bitanu n'amafaranga magana atandatu na cumi n'icyenda y'u Rwanda (12 574 575 619 Frw).

Ibisobanuro birambuye biri mu cyemezo cy'Inama Njyanama kiri ku mugereka bigaragaza ateganyijwe kwinjira mu isanduku y'Akarere arimo akomoka ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta ndetse n'inkunga zituruka mu bandi baterankunga batandukanye; naho amafaranga yose Akarere gateganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura imishahara, kwishyura ibikoresho bihabwa Akarere mu kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga ashorwa mu mishinga y'Iterambere,.

Amafaranga kandi yasaranganyijwe hakurikijwe imirongo y'ingengo y'imari, ibikorwa bijyanye n'ingamba zo kurwanya ubukene (EDPRS), ibyiciro by'imirimo, porogaramu ndetse n'urwego rw'ubukungu nk'uko umugereka ubigaragaza.

**Umwanzuro 092/01/16-17**
Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngengo y'imari ivuguruye 2016/2017 y'Akarere no gusobanukirwa;

Inama Njyanama yemeje Ingengo y'Imari ivuguruye 2016/2017. Inama Njyanama yatoye icyemezo cy'Inama Njyanama n° 092/01/16-17 gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama N° 020/06/15-16 cyo kuwa 25/06/2016 gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere y'umwaka wa 2016/2017. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 9: Gusoma no kwemeza raporo y'inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere ka Kicukiro**



Mep

**Umwanzuro 093/01/16-17**[2]

- Nyuma yo gusuzuma imyanzuro y'inama yo kuwa 30/12/2016 y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere igasanga yubahirije amategeko, Inama Njyanama yemeje ko iyo myanzuro ishyirwa mu bikorwa.
- Bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi barangije manda y'imyaka itanu (uretse uhagarariye Inama Njyanama mu Nama y'Ubutegetsi wemejwe tariki ya 20/08/2016), Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ibikurikirana, inama itaha y'Inama Njyanama ikazemeza abagize inama y'ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 10: Ubusabe bw'Umujyi wa Kigali bwo gusaba kwemeza ko ubutaka bwagurwa ku mpamvu z'inyungu rusange (Land Banking)

Mu rwego rwo gufasha abashoramari kubona ubutaka bitagoranye, Umujyi wa Kigali wandikiye Akarere ka Kicukiro ibaruwa N° ya Ref. 3789/07.01.08/17 yo kuwa 23 Mutarama 2017. Umujyi wa Kigali ukaba usaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko ubutaka bungana na hegitari icumi (Ha 10) buherereye mu kagari ka Kagasa, Umurenge wa Gahanga bwagurwa n'Umujyi wa Kigali ku mpamvu z'inyungu rusange. Ubu butaka buzafasha kwesa umuhigo w'Umujyi wa Kigali ujyanye no gutunga ubutaka bwashyirwamo ibikorwa remezo ndetse no gushakira abantu aho batura mu buryo burambye kandi bujyanye n'Igishushanyo Mbonera cy'Umujyi wa Kigali.

**Umwanzuro 094/01/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko ubutaka bungana na hegitari icumi (Ha10) buherereye mu mudugudu wa Nyakuguma, Akagari ka Kagasa, Umurenge wa Gahanga bugurwa n'Umujyi wa Kigali kubera impamvu z'inyungu rusange bityo abaturage bahafite ubutaka bakazahabwa ingurane ikwiye hashingiye ku biteganywa n'itegeko. Icyi cyemezo cyatowe n'abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 11: Ibibazo by'Abaturage

Hagaragajwe ibibazo bitandukanye byavuye muri Perezidansi, MINALOC n'ibibazo byazanywe n'abaturage ubwabo. Mu rwego rwo kugira ngo ibibazo by'abaturage bijye bikemurwa vuba, Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe yo kurwanya akarengane.

**Umwanzuro 095/01/16-17**[3]

Hashingiye ku biteganywa n'ingingo ya 46 igika cya 3 y'itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho komisiyo idasanzwe yo kurwanya akarengane kugira ngo ijye isesengura ibibazo by'abaturage byagejejwe ku Karere n'abaturage ubwabo cyangwa n'izindi nzego.

Icyi cyemezo cyemejwe n'abajyanama 23/23 bari muri cyumba cy'inama.

---

[2] MINECOFIN yagabanyije amafaranga y'uburezi ku yari yatowe mu ngengo y'Imari. Imishahara y'abarimu/teachers salary hagabanutseho Rwf 117 991 811. Aya mafaranga atangwa na MINEFOFIN ibiganiriyeho na MINEDUC. Hari habazwe abarimu benshi mu gihugu kuko bateganyaga gushyira mu myanya abandi barimu ariko basanze bitazakorwa muri iyi ngengo y'Imari 16/17. Inama Njyanama yateranye kuwa 25/03/2017 yemeje izi mpinduka.

[3] Mu nama yo kuwa 25/03/2017 hemejwe igihe komisiyo izamara n'ibigenerwa abayigize iyo bateranye mu nama.

Iyo Komisiyo igizwe n'aba bakurikira:

1. Umujyanama SALAFINA Flavia : Umuyobozi wa Komisiyo
2. Umujyanama MUKARUTESI Athanasie : Umunyamabanga wa Komisiyo
3. Umujyanama MULINDAHABI Diogène
4. Umujyanama TWAGIRAYEZU Innocent
5. Umujyanama UWIMBABAZI Pélagie

## Ingingo ya 12: Ibintu n'ibindi

- ✓ Hibukijwe inshingano n'uruhare rw'Umujyanama w'Akarere mu matora ya Perezida wa Repubulika cyane cyane mu bijyanye n'ubukangurambaga.
- ✓ Abajyanama biyemeje kwishyiriraho ikigega kizajya gishyirwamo amafaranga buri kwezi kugira ngo bijye bibafasha mu bikorwa by'imibereho myiza badatunguwe, biyemeza ko bagiye gutanga buri wese 5000 frw buri kwezi mu gihe cy'amezi ane, ubundi bakajya batanga 2000 buri kwezi.
- ✓ Abajyanama bibukiranyije gahunda ziteganyijwe mu kwizihiza umunsi w'intwari.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yashoje inama ashimira abayitabiriye.

31/03/2017

**UWIZEYE Odette**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama

**Eng. NKUBANA A. Dismas**
Umuyobozi w'Inama Njyanama